RUHERANGEYO Antoine
utuye i Sahera
Comine Mukura
Prefegitura ya BUTARE.

Butare le 21 Ugushyingo 1973

N° 5/R.A./1973

SHIRAMAKA

Imhamvu:

Kwibutsa ikibazo
cy'umushahara.

A traiter par : ____
Date entrée : 03-12-73
N° Classement : 8339/01.1

Nyakubahwa Bwana Ministre
w'Ubucamanza,
i KIGALI.

Nyakubahwa Bwana Ministre,

Nongeye kubandikira kugira ngo mbibutse ko nta gisubizo ndabona cy'inzandiko ebyili, zerekeye ikibazo cy'umushahara no gusaba kumvanaho guhagalikwa ku mulimo.

Inyandiko imwe ni iyo kuwa 28 kanama 1973, n'urundi N° 3/R.A./1973 rwo kuwa 5 Nzeri 1973.

Nyakubahwa, mboneye ho no kukwereka copie y'urwandiko N° 108/G.J./Prés. rwo kuwa 26 Kanama 1972.

Juge Président Gahama Joseph yandikiye Président w'Urukiko rwambere rw'iremezo rwa Butare, andega ibirego by'ibihimbano. Maze wiyumvire amayeli ya Politike y'ubwicanyi akubiyemo; halimo kubeshya, kubeshyera, gusebanya, kwangana no kwanganira abandi.

Kandi lero reka ankorere ibidakwiye, nta mugayo, none se ko yarabonye ukuntu bamunyiciye, bakamunsimbuza bamukuye ku mulimo we ali umwalimu, yalikubura kungilira nabi kandi abona ukuntu Secrétaire régional wa Partie yali anyanze bikomeye ali na we wamusabiraga kunsimbura kuko yali n'uwo mu karere k'iwabo.

Nyakubahwa Bwana Ministre, iyumvire nawe ukuntu Gahama yanshebeje bamaze kumunsimbuza, ashaka ukuntu navanwa ku mulimo.

Avuga ko uretse no kuba umucamanza, nta wundi mulimo w'abaturage nalinkwiye kugira mu Gihugu; ubwo akabiterwa n'uko yali yizeye ubuhake bw'abamunsimbuje.

Ibyo kandi akabivuga yirengagije ko uwo mulimo w'ubucamanza nywumazeho imyaka 12, kandi we atarawumaraho byibura 2. Muli urwa rwandiko rwe N° 108/G.J./Prés. rwo kuwa 26 Kanama 1972 yerekanamo urwandiko N° 129/R.A./1969 ngo nigeze kwandika nsebya abategetsi bose; mu by'ukuli ni ukumbeshyera ntarwo nigeze nandika, cyakora we n'abarwanashyaka bashobora kuba bararwanditse bakarunyitirira kubera ko bafatanyaga kundwanya bashaka ko mvanwa ku mulimo ngo abe ali we unsimbura.

Muli iyo nyandiko ye akomeza avuga ko mbere yo gukora umulimo w'ubucamanza ngo mba narabanje kureka gukora ibyo mbuzwa n'ingingo ya 35 y'itegeko ryo kuwa 25 Werurwe 1963 lishinga amategeko y'abacamanza.

Nyakubahwa Bwana Ministre, icyo kirego Juge wa Kanto Cyarwa Gahama Joseph yandeze ni kibi cyane ahari kuruta ibyo avuga ko ngo nigeze kwandika nsebya abategetsi bose ngo mbatuka kuko cyo gisobanura ko ndi umwanzi w'Igihugu.

Icyo kirego andega gisobanura ibi bikurikira:

Abacamanza babujijwe ku buryo bubihanangirije.

- Gutera urusimbi.
- Kwakira cyanga kwaka ruswa ubwabo cyanga bakoresheje undi muntu bihishemo kubera imhamvu bakwishingikirizaho yose.
- Kugira cyanga gufasha amatiku yo kurwanya amategeko, ubutegetsi n'abategetsi bashyizweho, cyanga kubuza Repuburika y'Urwanda gusugira no guhamana ubumwe n'ubwigenge bwayo.
- Kwivumbura ku mulimo cyanga gufasha abandi gutegura icyatuma abacamanza, cyanga abandi bakozi ba Leta bivumburira imilimo yabo.

Nyakubahwa Bwana Ministre, ibyo birego ubona muli iyo nyandiko N° 108/G.J./Prés. yo kuwa 28 Kanama 1972 ya Juge Président Gahama Joseph yandeze, ni ibihimbano iyo nza kuba narabikoze, ntabwo mba maze imyaka 12 ku mulimo w'ubucamanza ngo abe ali we waje kubimbonaho aho bamunsimbulije; abantegekaga kuli uwo mulimo baba barabibonye. Murumva rwose ko ibyo birego bishingiye ku nzangano z'ishyali kuko yali amaze kunsimbura tugakomeza gukorana nkaba umusigire we kandi atabyifuzaga; kuko yabonaga ababuranyi bakomeza kubona ko ahali ali jye ukili Juge Président, kubera ko nakomeje kuba Juge suppléant we.

Nyakubahwa Bwana Ministre ndabasaba kwita kuli ako karengane nagiliwe, mukandenganura, cyane cyane kureba imhavu imbuza guhabwa umushahara wanjye, kurinda ko hashira umwaka kandi ingingo ya 44 y'itegeko ryo kuwa 25 werurwe 1963 lishinga amategeko y'abacamanza libisobanura ko ihagalikwa ry'umucamanza litamubuza kubona umushahara we.

Nyakubahwa Bwana Ministre, hali aho bahagalika umucamanza bavuga ko ahagalitswe nta mushahara ? Ibyo bikavuga ko atazahembwa ? Jyewe rero ku rwandiko rumpagalika siko bimeze naguhaye copie y'urwandiko rumpagalika, warabyiboneye ko nagombaga gukomeza guhembwa kugera igihe hazagira ikemezwa ku byo nshinjwa.

Uretse ko niziriye amayeli ya politiki y'ubwanganyi.

Nyakubahwa Bwana Ministre, mbaye mbashimiye kandi nizeye igisubizo.

Imana ibafashe.

RUBERANGEYO Antoine

Bimenyeshejwe:

- Comité y'Amahoro n'ubumwe bw'Igihugu.

i K I G A L I.

Copie

REPUBLIKA Y'URWANDA
URUKIKO RWA KANTO
GIKONGORO. GYARWA.

Butare kuwa 26 Kanama 1972

Nº 108/G.J./Prés.

Imhamvu :

Ibyerekeye baruwa y'ikibazo cya Ruberangeyo A. yo kuwa 24 Kanama 1972.

Bwana Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremeze rw'i Butare
i BUTARE.-

Bwana Perezida,

Nkulikije baruwa yo kuwa 24 Kanama 1972 wandikiwe na Aseseli Ruberangeyo A. ivuga ko abuzwa ubwigenge mw'ica ry'imanza aburanisha, ni uko kugira icyo mbivugaho ali ngombwa naho ubundi mbona byose yarabyivugiye.

Mu gihe ntararangiza rapport yuko yakubitiye mu rukiko umucamanza mugenzi we Cyaminani Th., mbanje gusubiza baruwa yanditse kuwa 24 kanama 1972.

Mbere yo kwishingikiliza ku ngingo ya 13 y'Itegeko ryo kuwa 25 Werurwe 1963 lishinga amategeko agenga abacamanza, we ubwe ibye yali kuyikulikizamo akaba yarabyishe kera, yali akwiye kumenya ingingo ya 31 y'Itegeko ryo kuwa 24 Kanama 1962 ryerekeye imitunganyiliza n'ububasha bw'Inkiko muli Republika y'Urwanda, yakubitiraho no kumenya ingingo ya 217 y'Itegeko ryo kuwa 15 Nyakanga 1964 lishinga imiburanishilize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi muli Republika y'Urwanda, nkuko yiliranwa procédure muli Bar ngo niwe ushoboye, maze akabona uko amvugaho ibyongibyo.

Ibyerekeye usesa imanza yaciye, urwo rubanza narusheshe nte? Keretse niba kurusesa avuga ali uko yarushijwe amajwi na bagenzi be mu gihe cya délibération yarwo, ntirucibwe uko abishaka, nkuko yali asanzwe abigira mu gihe yali umusigire mbere. Yewe, umenya aliyo mpamvu yatumye akubitira mu Rukiko umucamanza mugenzi we Cyaminani Th. kuko aliwe warwanditse bamaze kurumurushaho amajwi muli délibération.

Iyo aba yarashoboye gukulikiza ingingo ya 32 niya 33 z'Itegeko ryo kuwa 25 Werurwe 1963 lishinga amategeko agenga Abacamanza, akabuzizwa, jye nawe hamenyekana ugira aho abogamira mw'ica ry'imanza.

.../...

Kugirango mushimishe se ni uko kubwe abakize n'abandi bafite ababavuganira alibo bajya batsinda gusa nkuko abyifuza? Naho urubanza rwa Murangi na Bisetsimandwa atangaho urugero, rurabyemeza ntawundi mugabo uko mbibona. Uwareba abo baburanyi bombi Murangi na Bisetsimandwa, urwo rubanza ntirwamwemeza neza ibyo yica mw'iburanisha n'ica ry'imanza?

Ako gakecuru ashaka kwica ngo niwe ushoboye byongine ntiwabiciraho urubanza? Cyakora jye simbona umeze atya, kugeza ubwo akubitira umucamanza mu Rukiko imbere y'abaturage yali akwiye kubera urugero, uretse no kuba umucamanza ko hali undi mulimo w'abaturage akwiye kugira mu Gihugu. Mbese nimurebe ibaruwa yabandikiye nº 129../R.A./69 isebya Abategetsi bose. Ibitutsi bilimo biragaragaza ukuntu ameze.

Sinliliwe ntukana nkaze, uretse ko mbere yo kugirango abe yarageragej e gukora umulimo w'Ubucamanza, aba yarabanje kureka nibyo abuzwa n'ingingo ya 35 y'Itegeko ryo kuwa 25 Werurwe 1963 lishinga Amategeko agenga Abacamanza.

Ndi Juji-Perezida w'Urukiko rwa Kanto Cyarwa.

GAHAMA JOSEPH

Bimenyeshejwe : Bwana :

- VICE-PRESIDENT USHINZWE UBUYOBOZI BW'INKIKO Z'U RWANDA. i N Y A B I S I N D U.
- RUBERANGEYO A. Aseseli mu Rukiko rwa Kanto Cyarwa. i B U T A R E.